NI GUTE UMUHINZI YISHYURA UBWISHINGIZI ?

Nyuma yo kumvikana hagati y'umuhinzi n'ikigo cy'ubwishingizi ku buryo bw'imikoranire n'ikiguzi cy'ubwishingizi, umuhinzi yishyura 60 % y'ikiguzi cy'ubwishingizi,agahabwa amasezerano agaragaza ko yafashe ubwishingizi, 40 % yishyurwa na Leta.

VIII.IBARWA RY'AGACIRO K'IBYISHINGIRWA

Umubare w'amafaranga yishingirwa kuri buri gihingwa ubarwa uhereye ku gaciro k'ibikoreshwa byose kugirango umusaruro ugerweho (amafaranga yose y'igishoro). By'agahebuzo, igishoro kiba kigizwe n'amafaranga yose asohoka (urugero : Abakozi, imbuto, imiti, ifumbire ,....) n'ibindi bitwara amafaranga bifite ibiciro bimenyerewe bidahinduka bijyanye no gukodesha ibikoresho by'ubuhinzi/imashini zikoreshwa mu kurima, guca imirongo, gutabira, gutera, n'indi mirimo isa niyo.

UKO IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI KIBARWA

#	IBIGORI	IGISHORO CYOSE	IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI (8.25%-10%)	AYISHYURWA N'UMUHINZI (60%)	AYISHYURWA NA LETA (40%)
1	IGISHORO KURI HEGITARI	429,250	35,413	21,248	14,165
2	IGISHORO KURI ARE 50	214,625	17,707	10,624	7,083
3	IGISHORO KURI ARE 1	4,292	354	212	142

Icyitonderwa :urugero rwakoreshejwe mu kubara,naho ikiguzi cy'ubwishingizi kingana na 8,25%.

#	UMUCERI	IGISHORO CYOSE	IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI (7.08%)	AYISHYURWA N'UMUHINZI (60%)	AYISHYURWA NA LETA (40%)
1	IGISHORO KURI HEGITARI	590,320	41,795	25,077	16,718
2	IGISHORO KURI ARE 50	295,160	20,897	12,538	8,359
3	IGISHORO KURI ARE 1	5,903	418	251	167

#	IBIRAYI	IGISHORO CYOSE	IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI (8%)	AYISHYURWA N'UMUHINZI (60%)	AYISHYURWA NA LETA (40%)
1	IGISHORO KURI HEGITARI	2,394,500	191,560	114,936	76,624
2	IGISHORO KURI ARE 50	1,197,250	95,780	57,468	38,312
3	IGISHORO KURI ARE 1	23,945	1,916	1,149	766

#	URUSENDA	IGISHORO CYOSE	IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI (8%)	AYISHYURWA N'UMUHINZI (60%)	AYISHYURWA NA LETA (40%)
1	IGISHORO KURI HEGITARI	2,151,500	172,120	103,272	68,848
2	IGISHORO KURI ARE 50	1,075,750	86,060	51,636	34,424
3	IGISHORO KURI ARE 1	21,515	1,721	1,033	688

#	IMITEJA	IGISHORO CYOSE	IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI (8%)	AYISHYURWA N'UMUHINZI (60%)	AYISHYURWA NA LETA (40%)
1	IGISHORO KURI HEGITARI	2,018,250	161,460	96,876	64,584
2	IGISHORO KURI ARE 50	1,009,125	80,730	48,438	32,292
3	IGISHORO KURI ARE 1	20,183	1,615	969	646

NI GUTE UMUHINZI AMENYEKANISHA IGIHOMBO N'UBURYO BWO KWISHYURA?

Iyo umuhinzi agize igihombo yihutira kubimenyesha ikigo cy'ubwishingizi bafitanye amasezerano ndetse n'ubuyobozi bw'umurenge ahingamo.
Nyuma yo gupima igihombo cyabayeho, ikigo cy'ubwishingizi cyishyura umuhinzi igishoro yashinganishije mu gihe kitarenze iminsi 15.

MINAGRI
B P : 621 KIGALI - RWANDA
www.minagri.gov.rw

@RwandaAgri
Ministry of Agriculture and Animal Resources (MINAGRI)

GAHUNDA YA LETA Y'UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA N'AMATUNGO

"Tekana Urishingiwe"

Muhinzi-Mworozi

HAMAGARA: 4127
UMURONGO UTISHYURWA

NZERI 2020

UBWISHINGIZI MU BUHINZI

IBIRANGA GAHUNDA Y'UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA

- Irizewe cyane kuko ishyirwa mu bikorwa na MINAGRI ifatanyije n'ibigo by'ubwishingizi.
- Yishingira ibihingwa by'umuceri, ibigori, ibirayi, urusenda n'imiteja.
- Yishingira igishoro umuhinzi yashoye mu buhinzi bwe,kuva mu gutegura umurima kugeza imyaka isaruwe.
- Yishyura ibihombo bituma umuhinzi atabona umusaruro yarategereje biturutse ku ngaruka z'imihindagurikire y'ikirere, indwara n'udukoko birwanywa ntibikire.
- Ifite nkunganire ya Leta ingana na 40 % by'ikiguzi cy'ubwishingizi ,umuhinzi yishyura 60 % by'ikiguzi cy'ubwishingizi.

NI AKAHE KAMARO K'UBWISHINGIZI MU BUHINZI?

- Bugoboka abahinzi hishyurwa ibihombo bahura nabyo bitateganyijwe.
- Bufasha abahinzi kubona inguzanyo mu bigo by'imari zibafasha gushora mu buhinzi bwabo no guhinga kinyamwuga.
- Butanga umutekano w'ishoramari rikorwa mu buhinzi.

NI NDE UHABWA UBU BWISHINGIZI?

Ubu bwishingizi buhabwa abahinzi ku giti cyabo, amatsinda n'amakoperative bahinga kinyamwuga mu turere twose tw'igihugu.

NI GUTE UMUHINZI ABONA UBWISHINGIZI BW'IBIHINGWA BYE?

Umuhinzi ukeneye ubwishingizi, agana ibigo bitanga ubwishingizi bifitanye amasezerano na MINAGRI cyangwa akegera agoronome w'umurenge ahingamo akamufasha.

	IGIHINGWA	IBYISHINGRIRWA	IBITISHINGRIRWA	IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI	IGISHORO KURI HEGITARI (Frw)	AYISHYURWA IGIHE HABAYEHO IGIHOMBO
1	IBIGORI	• Imvura nyinshi • Izuba ry'igihe kirekire • Indwara n'ibyonnyi byarwanyijwe ntibikire • Imyuzure • Urubura,Imirabyo, n'umuyaga • Inkongi y'umuriro	• Imirimo yo mu buhinzi itakozwe n' itakozwe neza, • Umusaruro wangijwe n'inyoni cyangwa inyanswa • Guhinga imbuto mbi, • Igihombo gikomoka ku gutinda gusarura, • Igihombo gikomoka k'ubujura, • Igihombo gikomoka ku ntambara • Ibitari mu masezerano,	8.25-10%	429,250	85%
2	UMUCERI	• Imvura nyinshi • Izuba ry'igihe kirekire • Indwara n'ibyonnyi byarwanyijwe ntibikire • Imyuzure • Urubura,Imirabyo, n'umuyaga • Inkongi y'umuriro	• Imirimo yo mu buhinzi itakozwe n' itakozwe neza, • Umusaruro wangijwe n'inyoni cyangwa inyanswa • Guhinga imbuto mbi, • Igihombo gikomoka ku gutinda gusarura, • Igihombo gikomoka k'ubujura, • Igihombo gikomoka ku ntambara • Ibitari mu masezerano,	7.08%	590,320	85%
3	IBIRAYI	• Imvura nyinshi • Izuba ry'igihe kirekire • Indwara n'ibyonnyi byarwanyijwe ntibikire • Imyuzure • Urubura,Imirabyo, n'umuyaga • Inkongi y'umuriro	• Imirimo yo mu buhinzi itakozwe n' itakozwe neza, • Umusaruro wangijwe n'inyoni cyangwa inyanswa • Guhinga imbuto mbi, • Igihombo gikomoka ku gutinda gusarura, • Igihombo gikomoka k'ubujura, • Igihombo gikomoka ku ntambara • Ibitari mu masezerano,	8%	2,394,500	80%
4	URUSENDA N'IMITEJA	• Imvura nyinshi • Izuba ry'igihe kirekire • Indwara n'ibyonnyi byarwanyijwe ntibikire • Imyuzure • Urubura,Imirabyo, n'umuyaga • Inkongi y'umuriro	• Imirimo yo mu buhinzi itakozwe n' itakozwe neza, • Umusaruro wangijwe n'inyoni cyangwa inyanswa • Guhinga imbuto mbi, • Igihombo gikomoka ku gutinda gusarura, • Igihombo gikomoka k'ubujura, • Igihombo gikomoka ku ntambara • Ibitari mu masezerano,	8%	URUSENDA: 2,151,860 IMITEJA: 2,018,250	80%